**AMABWIRIZA Nº 05/2017 YO KUWA 02/03/2017 YEREKEYE IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI NO MU MAFARANGA BIGENEWE ABAFITE URUHARE MURI CSD**

Ishingiye ku Itegeko nº 55/2007 ryo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 56 n'iya 57;

Ishingiye ku Itegeko nº 26/2010 ryo kuwa 28/05/2010 rigena uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa cyane cyane mu ngingo yaryo ya 29;

**Banki Nkuru y'u Rwanda ivugwa nka "Banki Nkuru", itanze amabwiriza akurikira:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agamije gushyiraho ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi no mu mafaranga bihabwa abafite uruhare muri CSD banyuranya n'ibiteganywa n'itegeko n'amabwiriza rusange agena uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa.

**REGULATION Nº 05/2017 OF 02/03/2017 ON ADMINSTRATIVE AND PECUNIARY SANCTIONS APPLICABLE TO CSD PARTICIPANTS**

Pursuant to Law nº 55/2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda, especially in Articles 6, 56 and 57;

Pursuant to the Law nº 26/2010 of 28/05/2010 governing holding and circulation of securities especially in Article 29;

**The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as "the Central Bank", decrees:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article one: Purpose**

The objective of this regulation is to provide for administrative and pecuniary sanctions for CSD participants that violates the provisions of the governing holding and circulation of securities and their implementing regulations and any directive given under them.

**REGLEMENT Nº 05/2017 DU 02/03/2017 SUR LES SANCTIONS ADMINISTRATIVES ET PECUNIAIRES APPLICABLES AUX PARTICIPANTS AU CSD**

Vu la Loi nº 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Centrale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 56 et 57;

Vu la Loi nº 26/2010 du 28/05/2010 régissant la détention et la circulation des titres spécialement à l'article 29;

**La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée " Banque Centrale", édicte:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet**

L'object de ce règlement est de prescrire les sanctions administratives et pecuniaires à l'encontre des participants au CSD violent les dispositions des lois et règlements régissant la détention et le mouvement des titres.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ibirebwa n'aya mabwiriza**

Hashingiwe ku cyo aya mabwiriza agamije, ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano byo mu mafaranga bireba abafite uruhare muri CSD.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ububasha bwo gufata ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi no mu mafaranga**

Banki Nkuru ifite ububasha bwo gufata ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi no mu mafaranga ku mpamvu zikurikira:

(a) kutubahiriza itegeko n'amabwiriza rusange agena uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa;

(b) kutubahiriza ibiteganyijwe cyangwa amabwiriza ya Banki Nkuru;

(c) kutubahiriza imikorere y'ibikorwa bya Banki Nkuru mu bijyanye n'uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa;

(d) ikindi gikorwa cyose cyerekeye uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa.

Ibihano biteganyijwe bifatwa iyo Banki Nkuru ifite ibimenyetso bihagije bigaragaza kunyuranya cyangwa kwica itegeko cyangwa amabwiriza agena uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa.

**<u>Article 2</u>: Scope**

For the purpose of this Regulation, administrative and pecuniary sanctions shall be applicable to participants in CSD.

**<u>Article 3</u>: Power to impose administrative and pecuniary sanctions**

The Central Bank shall have powers to impose administrative sanctions for-

(a) failure to comply with the law and regulations governing the holding and circulation of securities;

(b) non-compliance with any condition or directive of the central bank;

(c) non-compliance with the operations procedures of the Central Bank in relation to holding and circulation of securities;

(d) any other matter in relation to holding and circulation of securities.

The sanctions prescribed shall be imposed in circumstances where the Central Bank has sufficient evidence of breach or violation or the law or regulation governing the holding and circulation of securities.

**<u>Article 2</u>: Portée**

Dans le cadre de ce règlement, les sanctions administratives et pécuniaires sanctions sont applicables aux particpants au CSD.

**<u>Article 3</u>: Pouvoir d'imposer les sanctions administratives et pecuniaires**

La Banque Centrale devra disposer des pouvoirs d'imposer des sanctions administratives et pecuniaires pour -

(a) Echec de se conformer avec la loi et les règlements régissant la détention et le mouvement des titres;

(b) non-conformité avec toute condition ou directive de la Banque Centrale;

(c) non-conformité avec les procédures des opérations de la Banque Centrale en rapport avec la détention et le mouvement des titres ;

(d) Toute autre matière en rapport avec la détention et le mouvement des titres.

Les sanctions prescrites seront imposées au cas où la Banque Centrale disposerait des preuves nécessaires et suffisantes d'enfreinte ou violation de la loi ou du règlement régissant la détention et le mouvement des titres.

**UMUTWE WA II: IBIHANO BY'AMAFARANGA**

**Ingingo ya 4: Igenwa ry'ibihano by'amafaranga**

Banki Nkuru ishobora gutanga ibihano byo mu mafaranga mu mwanya cyangwa bitangiwe rimwe n'ibihano by'ubutegetsi bigenwa n'aya mabwiriza.

Banki Nkuru itanga ibihano byo mu mafaranga nkuko biteganywa ku mugereka wa I w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 5: Kwishyuza amafaranga akomoka ku bihano byafashwe**

Amafaranga akomotse ku bihano byafashwe ahabwa Banki Nkuru hakurikijwe imenyesha ryayo kuri konti ya Banki Nkuru, akuwe nta mpaka kuri konti ya banki y'ufite uruhare muri CSD, bitaba ibyo hagakoreshwa ifatiratambama ribanzirizwa n'inyandiko nteguza inyujijwe ku muhesha w'inkiko nk'uko biteganywa n'Itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki.

Uhanwe yishyura amafaranga ateganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mu gihe kitarenze iminsi icumi, uhereye ku munsi igihano gitangiye gukurikizwa.

**CHAPTER II: PECUNIARY SANCTIONS**

**Article 4: Determination of pecuniary sanctions**

The Central Bank may impose pecuniary sanctions either in lieu or cumulatively with the administrative sanctions prescribed in this Regulation.

The Central Bank shall impose pecuniary sanctions for various offences as prescribed in Annex I of this regulation.

**Article 5: Recovery of the sums related to the penalties imposed**

The sums related to the penalties imposed shall be recovered in the favor of the Central Bank upon a notification of Central Bank account on which the infringer shall deposit those sums through automatic debiting of the concerned CSD participant's bank account or, failing that, through a garnishment upon simple summons notified by a bailiff in accordance with the banking law.

The infringer shall pay the sums mentioned in paragraph one of this article within ten days of imposition of that sanction.

**CHAPITRE II: SANCTIONS PECUNIAIRES**

**Article 4: Détermination des sanctions pécuniaires**

La Banque Centrale peut imposer les sanctions pécuniaires en lieu ou cumulativement avec les sanctions administratives tel que prescrites dans ce Règlement.

La Banque Centrale impose les sanctions pecuniaires pour les délits variés tel que prescrits dans l'Annexe I de ce Règlement.

**Article 5: Recouvrement des montants relatifs aux sanctions imposées**

Les montants relatifs aux sanctions imposées devront être recouvrés en faveur de la Banque Centrale après réception du numéro de compte de la Banque Centrale sur lequel le fautif devra déposer les montants par voie d'un débit automatique du compte bancaire du participant au CSD concerné ou, sinon, par saisie-arrêt sur simples convocations notifiées par un huissier, selon la loi bancaire.

Le fautif doit verser les montants mentionnés dans le premier paragraphe de cet article endéans dix jours à partir de l'imposition de cette sanction.

**Ingingo ya 6: Uburyozwe bwerekeye ibirego**

Uretse ibihano biteganywa mu mugereka wa I w'aya mabwiriza, umuntu agomba kuryozwa ibirego by'imanza mbonezamubano zaciwe hakurikijwe ibikorwa byo kunyuranya n'ibiteganyijwe.

**UMUTWE WA III: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**Ingingo ya 7: Igenwa ry'ibihano by'ubutegetsi**

Banki Nkuru ishobora gutanga ibihano bikurikira hakurikijwe uburemere bw'ikosa:

a) Kwihanangirizwa mu nyandiko;

b) Guhagarikwa by'agateganyo cyangwa kwamburwa uruhushya rwo kugira uruhare muri CSD;
c) Guhagarikwa by'agateganyo cyangwa kweguza abayobozi b'ufite uruhare muri CSD;
d) Guhagarika by'agateganyo cyangwa kubuzwa uburenganzira bwo kugera kuri uburyo koranabuhanga bwa CSD.

**Ingingo ya 8: Kwihanangirizwa**

Haseguriwe ubundi bubasha bwa Banki Nkuru ku bijyanye n'ibikorwa bya CSD, ishobora, bitewe

**Article 6: Liability for claims**

In addition to the penalties prescribed in appendix I of this regulation, a person shall be liable for any claims arising from civil suits instituted in relation to such violation.

**CHAPTER III: ADMINISTRATIVE SANCTIONS**

**Article 7: Determination of administrative sanctions**

The Central Bank may impose the following sanctions depending upon the seriousness of the violation:

a) written warning;

b) suspension or revocation of the license to participate in the CSD;

c) suspension or removal of the managers of CSD partipants;

d) suspension or termination of the access to CSD computer system.

**Article 8: Warning**

Notwithstanding any other powers conferred on the Central Bank in relation to CSD activities, it

**Article 6: Engagement par rapport aux réclamations**

En plus des sanctions prescrites à l'annexe I de ce règlement, une personne devra être redevable pour toute réclamation découlant des procès civiles institués par rapport à une telle violation.

**CHAPITRE III: SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Article 7: Détermination des sanctions administratives**

La Banque Centrale peut imposer les sanctions suivantes selon la gravité de la faute:

a) avertissement écrit;

b) Suspension ou revocation d'agréément de participant au CSD;

c) Suspension ou demission des dirigeants de participant au CSD;

d) La suspension ou retrait l'access au système informatique de CSD.

**Article 8: Avertissement**

Sous réserve des pouvoirs conférés à la Banque Centrale en rapport avec les activités du CSD, il

n'uburemere bw'icyaha, guha inyandiko yo kwihanagiriza ufite uruhare muri CSD, nyiri konti, cyangwa undi muntu wanyuranyije n'ibiteganywa n'itegeko cyangwa amabwiriza rusange agena uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa.

**Ingingo ya 9: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bifatirwa abayobozi n'abakuru b'imirimo**

Banki Nkuru, ishobora, ibyumvikanyeho n'Ikigo, guhagarika by'agateganyo cyangwa kwirukana abayobozi cyangwa abakuru b'imirimo b'ufite uruhare muri CSD igihe isanze kutubahiriza Itegeko cyangwa amabwiriza byaragizwemo uruhare ku bushake, ku bufatanye cyangwa ku burangare bw'aba bantu.

**Ingingo ya 10: Ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa ivanwaho ry'uburengazira bwo kugera ku buryo koranabuhanga rya CSD**

Banki Nkuru ishobora:

(a) guhagarika by'agateganyo uburenganzira bwo kugera ku buryo koranabuhanga iyo:

(i) uruhushya rw'ufite uruhare muri CSD rwahagaritswe;

(ii) bigaragaye ko ufite uruhare muri CSD cyangwa undi muntu wese wahawe uburenganzira bwo kurigeraho yanyuranyije n'ibiteganyijwe cyangwa ibisabwa mu gutanga uburenganzira bwo kurigeraho;

may, subject to the gravity of the offence, issue a written warning to any CSD participant, issuer, account holder or any other person for breach of any of the provisions of the law or regulation governing the holding and circulation of securities.

**Article 9: administrative sanctions applicable to Directors and Managers**

The Central Bank, may, in consultation with the Authority, suspend or order for removal of directors or senior managers of the CSD participant if it determines that the infringement of the Law or the regulation has been committed with the consent or connivance of these persons.

**Article 10: Suspension or termination of access to CSD computer system**

The Central Bank may-

(a)suspend access to a CSD computer system where-

(i) where a CSD participant's license is suspended;

(ii) a CSD participant or any other person granted access is found to be in breach of any of the conditions or requirements for granting access;

peut, compte tenu de la gravité de l'infraction, émettre une note écrite à tout participant au CSD, émetteur, titulaire du compte ou toute autre personne pour violation d'une quelconque disposition de la loi ou règlement régissant la détention ou le mouvement des titres.

**Article 9: Sanctions administratives applicables aux Directeurs et Gérants**

La Banque Centrale peut, en consultation avec l'Autorité, suspendre ou instruire le retrait des directeurs ou cadres supérieurs du participant au CSD si elle détermine que la violation dela loi ou règlementa été commise avec le consentement ou en complicité avec ces personnes.

**Article 10: Suspension ou expiration de l'accès au système informatique du CSD**

La Banque Centrale peut -

(a) suspendre l'accès au système informatique du CSD -

(i) Lorsqu'un permis de participant au CSD est suspendu;

(ii) Un participant au CSD ou toute autre personne qui a bénéficié d'un accès se trouve en violation d'une des conditions ou exigences de l'accord d'accès;

(iii) hagikorwa iperereza ku bikorwa byerekeye CSD.

(b) guhagarika uburenganzira bwo kugera ku buryo koranabuhanga-

(c) iyo ufite uruhare muri CSD yambuwe uruhushya;

(d) iyo ufite uruhare muri CSD cyangwa undi wese wahawe uburenganzira bwo kurigeraho atubahiriza ibisabwa, amategeko n'amabwiriza agenga kurigeraho.

Banki Nkuru imenyesha Isoko ry'imari n'imigabane n'Ikigo kw'ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa ivanwaho ry'uburengazira bwo kugera ku buryo koranabuhanga rya CSD.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa kwamburwa uruhushya rw'abafite uruhare muri CSD**

Banki Nkuru ijyanye inama n'Ikigo ishobora guhagarika cyangwa kwambura ufite uruhare muri CSD:

(a) kuberakutubahiriza, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, ibiteganywa n'itegeko n'amabwiriza rusange agena uburyo inyandiko z'agaciro zibikwa, zicungwa zikanahererekanywa;

(b) iyo ufite uruhare muri CSD atubahirije ibishingirwaho mu iyemererwa;

(iii) pending an investigation of activities or transactions related to the CSD.

(b) terminate access to the CSD computer system-

(c) where a CSD participant's license is revoked;

(d) where a CSD participant or any other person granted access fails to comply with the requirements, terms and conditions for granting access.

The Central Bank shall inform the stock exchange and the Authority on any suspension or termination of access to the CSD.

**<u>Article 11</u>: Suspension or revocation of CSD Participation license**

The Central Bank, may, in consultation with the Authority, suspend or revoke the CSD Participant license:

(a) for violation, whether directly or indirectly, of any provisions of the law and regulations governing the holding and circulation of securities;

(b) for failure of participant to meet licensing criteria;

(iii) Retarder une enquête sur les activités ou transactions relatives au CSD.

(b) Expirer l'accès au système informatique du CSD -

(c) lorsqu'un permis de participant au CSD est révoqué;

(d) lorsqu'un participant au CSD ou toute autre personne bénéficiaire de l'accès ne se conforme pas aux exigences, termes et conditions d'accord d'accès.

La Banque Centrale doit informer la bourse des valeurs et l'Autorité sur toute suspension ou expiration de l'accès au CSD.

**<u>Article 11</u>: Suspension ou révocation d'agréément de participation au CSD**

La Banque Centrale peut, en consultation avec l'Autorité, suspendre ou revoquer la license du participant au CSD:

(a) violation, soit directement ou indirectement, d'une des dispositions de la loi et règlement régissant la détention et le mouvement des titres;

(b) pour échec du participant à répondre aux critères d'agrément ;

(c) iyo ufite uruhare muri CSD atubahirije ibisabwa mu iyemererwa cyangwa ibindi biteganywa na Banki Nkuru;

(d) iyo Ikigo cyamuhagarikiye by'agateganyo cyangwa cyamwambuye uruhushya;

(e) kubera ihagarikwa cyangwa itakazwa ry'ubunyamuryango mu isoko ry'imari n'imigabane;

(f) kubera kutishyura amafaranga asabwa kandi arimo Banki Nkuru cyangwa isoko ry'imari n'imigabane kuri konti yateganyijwe;

(g) iyo ufite uruhare muri CSD atubahirije amabwiriza ya Banki Nkuru;

(h) kubera kudafata ingamba zo kwirinda no gukemura ibijyanye no kwishyura;

(i) iyo ufite uruhare muri CSD yakoze cyangwa atakoze igikorwa Banki Nkuru ibona ko gishobora guhungabanya imikorere n'umutekano w'uburyo bwa CSD;

(j) iyo ufite uruhare muri CSD akurikiranwaho igihombo;

(k) iyo ufite uruhare muri CSD akora mu buryo bubangamira inyungu za ba nyiri konti zikoresha uburyo bwa CSD cyangwa iz'Urwego rushinzwe gucunga inyandiko z'agaciro.

(c) for breach by the participant of any licensing or other conditions prescribed by the Central Bank;

(d) following suspension or revocation of license by the Authority;

(e) following suspension or termination of membership of the stock exchange;

(f) for failure to pay any money due and owing to the Central Bank or the stock exchange on any account;

(g) for failure by the participant to comply with any directions of the Central Bank;

(h) for failure to take measures to prevent and address settlement fails;

(i) following an act or omission by the participant which in the view of the Central Bank is likely to threaten the stability, soundness or safety of the CSD system;

(j) where commencement of insolvency proceedings against the participant;

(k) where the CSD participant otherwise acts in a manner prejudicial to the interests of the CSD account holders or the Central Depository.

(c) pour violation, par le participant, des conditions d'agrément ou toute autre condition prescrite par la Banque Centrale;

(d) suite à la suspension ou révocation de l'accord par l'Autorité;

(e) suite à la suspension ou expiration de la qualité de membre à la bourse des valeurs;

(f) pour défaut de paiement de l'argent dû et devant à la Banque Centrale ou à la bourse des valeurs sur un compte quelconque;

(g) pour échec du participant à se conformer aux instructions de la Banque Centrale;

(h) pour manque de prise des mesures requises pour prévenir et relever les failles de règlement;

(i) suite à une action ou omission par le participant qui selon la Banque Centrale est perçue susceptible de menacer la stabilité, la solidité ou la sûreté du système CSD;

(j) lors du début d'un procès d'insolvabilité contre le participant;

(k) lorque le participant au CSD agit maladroitement d'une manière susceptible de porter préjudice aux intérêts des titulaires du compte CSD ou le Dépositaire Central des Titres.

**Ingingo ya 12: Inyandiko y'ibihano**

Banki Nkuru ibika inyandiko y'ibihano bifatwa hakurikijwe aya mabwiriza rusange.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zivuguruzanya nayo zivanweho.

**Ingingo ya 14: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 02/03/2017

**(sé)**
**RWANGOMBWA John**
**Guverineri**

**Article 12: Record of penalties and sanctions**

The Central Bank shall keep a record of penalties and sanctions imposed under this regulation.

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 13: Repealing provision**

All prior regulatory provisions inconsistent with this Regulation are hereby repealed.

**Article 14: Commencement**

This regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Done at Kigali, on 02/03/2017

**(sé)**
**RWANGOMBWA John**
**Governor**

**Article 12: Données relatives aux sanctions**

La Banque Centrale devra garder un relevé des sanctions imposées dans le cadre de ce règlement.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 13: Dispositions abrogatoires**

Toutes les dispositions règlementaires antérieures contraires au présent règlement sont abrogées.

**Article 14: Entrée en vigueur**

Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda

Fait à Kigali, le 02/03/2017

**(sé)**
**RWANGOMBWA John**
**Gouverneur**

**UMUGEREKA WA I : IBIHANO BYO MU MAFARANGA**

| N | UBWOKO BW'IKOSA | IBIHANO |
|---|---|---|
| 1 | Kutubahiriza ibisabwa byerekeye iyemererwa, abakozi, ikoranabuhanga, n'ibarubaramari cyangwa ibindi bisabwa n'ibyemezo bya Banki Nkuru | 10.000 Frw ku munsi kugeza ku itariki ufite uruhare muri CSD yubahirije ibisabwa |
| 2 | Kudakuraho ibinyuranyo harimo n'amagenzura y'ibikorwa n'imikorere nk'uko biteganywa n'amabwiriza | 150.000 Frw |
| 3 | Gukoresha inyandiko z'agaciro z'umukiriya atabimwemereye mu nyandiko | 100.000 Frw hiyongereyeho agaciro inyandiko z'agaciro zakoreshejwe zifite ku isoko |
| 4 | Kutubahiriza ibisabwa ku ihererekanya riboneye ry'inyandiko z'agaciro | 100.000 Frw cyangwa agaciro inyandiko z'agaciro zifite ku isoko kajyanye n'igikorwa, igihano gikurikizwa ni ikiremereye |
| 5 | Kutubahiriza ibisabwa mu kubika amakuru y'imvaho | 100.000 Frw |
| 6 | Gutanga amakuru atari ukuri cyangwa ayobya yerekeye inyandiko z'agaciro ziri muri CSD | 125.000 Frw |
| 7 | Ibikorwa bitemewe byerekeranye n'inyandiko z'agaciro ziri muri CSD | 125.000 Frw |
| 8 | Guhindura ibisabwa mu kugira konti zikoresha uburyo bwa CSD bitemejwe na Banki Nkuru | 50.000 Frw |
| 9 | Kwanga cyangwa kwirengagiza iyubahiriza ry' ubusabe bwo gukora ihererekanya ry'inyandiko z'agaciro | 50.000 Frw |
| 10 | Kutamenyesha Banki Nkuru ko ufite uruhare muri CSD yanze kubahiriza amabwiriza ya nyiri konti | 50.000 Frw |
| 11 | Kudakurikiza ingamba zikwiye zo kubika neza inyandiko n'amakuru byerekeye ibikorwa bya CSD | 50.000 Frw |
| 12 | Gushyira cyangwa kuvana inyandiko z'agaciro muri CSD uyifitemo uruhare atabyemerewe | 1.000.000 Frw cyangwa agaciro inyandiko z'agaciro zashyizwe cyangwa zavanwe muri CSD zifite ku isoko, igihano gikurikizwa ni ikiremereye |
| 13 | Gutuma hatabaho ubwishyu | 1.000.000 Frw cyangwa agaciro inyandiko z'agaciro zifite ku isoko kajyanye n'igikorwa, igihano gikurikizwa ni ikiremereye |
| 14 | Kudakurikiza no kudashyira mu bikorwa ingamba zo gukumira igongana ry'inyungu mu bijyanye n'ibikorwa bya CSD | 125.000 Frw cyangwa agaciro inyandiko z'agaciro zifite ku isoko kajyanye n'igikorwa, igihano gikurikizwa ni ikiremereye |

| N | UBWOKO BW'IKOSA | IBIHANO |
|---|---|---|
| 15 | Gushyira ahagaragara amakuru yerekeye ba nyiri konti cyangwa ibikorwa bijyanye n'inyandiko z'agaciro muri CSD uyifitemo uruhare atabyemerewe | 125.000 Frw |
| 16 | Kutubahiriza amabwiriza cyangwa ibyemezo byerekeye kugera ku ihuriro koranabuhanga rya CSD | 250.000 Frw |
| 17 | Kugera ku ihuriro koranabuhanga rya CSD uyifitemo uruhare atabiherewe uburenganzira | 1.000.000 Frw |
| 18 | Kutubahiriza amabwiriza ya Banki Nkuru | 125.000 Frw |
| 19 | Gukoresha amakuru cyangwa konti mpimbano | 250.000 Frw |
| 20 | Kwangiza, guhishira, konona, cyangwa guhindura amakuru | 250.000 Frw |
| 21 | Guhagarika cyangwa kubangamira iperereza ryerekeye ibikorwa bya CSD | 250.000 Frw |

## ANNEX I : PECUNIARY SANCTIONS

| | **NATURE OF VIOLATION** | **PENALTY** |
|---|---|---|
| 1 | Failure of a CSD participant to comply with licensing, human resource, information technology, and accounting requirements or other conditions and directives prescribed by the Central Bank | Rwf 10,000 per day until the CSD Participant complies with requirement |
| 2 | Failure to perform reconciliations including transaction and position controls as prescribed by the regulations | Rwf 150,000 |
| 3 | Use of client securities without written consent of the clients | Rwf 100,000 plus the total market value of securities used |
| 4 | Failure to comply with the requirements for good delivery of securities | Rwf 100,000 or the total market value of securities in relation to the transaction, whichever is higher |
| 5 | Failure to comply with the requirement to keep accurate records | Rwf 100,000 |
| 6 | Furnishing false or misleading statements or information in relation to securities held in the CSD | Rwf 125,000 |
| 7 | Un-authorized transactions in relation to securities held in the CSD | Rwf 125,000 |
| 8 | Varying the terms and conditions for holding CSD accounts without approval of the Central Bank | Rwf 50,000 |
| 9 | Refusal or neglect to comply with a request for transfer of securities | Rwf 100,000 per day of non compliance |
| 10 | Failure of a CSD participant to notify the Central Bank of refusal to act on instructions of an account holder | Rwf 50,000 |
| 11 | Failure to maintain adequate measures for safekeeping of documents and records in relation to CSD activities and transactions | Rwf 50,000 |
| 12 | Un-authorized creation and cancellation of securities in the CSD | Rwf 1,000,000 or the total market value of securities created or cancelled, whichever is higher |
| 13 | Causing a settlement fail | Rwf 1,000,000 or the total market value of securities in relation to the transaction, whichever is higher |
| 14 | Failure to maintain and enforce measures to prevent conflicts of interest in relation to CSD transactions | Rwf 125,000 or the total market value of securities in relation to the transaction, whichever is higher |

| | | |
|---|---|---|
| 15 | Un-authorized disclosure of information relating to account holdings or securities transactions in the CSD | Rwf 125,000 |
| 16 | Failure to comply with any directives or orders in relation to access to the CSD computer system | Rwf 250,000 |
| 17 | Un-authorized access to CSD computer system | Rwf 1,000,000 |
| 18 | Failure to comply with any directive of the Central Bank | Rwf 125,000 |
| 19 | Falsification of records or accounts | Rwf 250,000 |
| 20 | Destruction, concealment, mutilation or alteration of records | Rwf 250,000 |
| 21 | Obstructing or hindering an investigation in relation to CSD activities or transactions | Rwf 250,000 |

## ANNEXE I : SANCTIONS PECUNIAIRES

| N | NATURE DE VIOLATION | SANCTION |
|---|---|---|
| 1 | Echec du participant au CSD à se conformer avec les conditions d'agrément, des ressources humaines, la technologie d'information, et de comptabilité ou d'autres conditions et directives prescrites par la Banque Centrale | 10.000 Frw par jour jusqu'à ce que le participant au CSD se conforme avec les conditions |
| 2 | Défaut de faire un rapprochement des comptes incluant les contrôles des transactions et position selon les dispositions des règlements | 150.000 Frw |
| 3 | Utilisation des titres des clients sans autorisation écrite desdits clients | 100.000 Frw plus la valeur totale du marché des titres utilisés |
| 4 | Défaut de se conformer avec les règles relatives à une bonne livraison des titres | 100.000 Frw ou la valeur totale du marché en rapport avec la transaction, ce qui est le plus élevé |
| 5 | Défaut de se conformer aux exigences de garder des données précises | 100.000 |
| 6 | Produire des états financiers faux et déroutants en rapport avec les titres détenus dans le CSD | 125.000 |
| 7 | Des transactions non autorisées en rapport avec les titres détenus dans le CSD | 125.000 Frw |
| 8 | Varier les termes et conditions pour avoir des comptes CSD sans l'accord de la Banque Centrale | 50.000 Frw |
| 9 | Refus ou négligence de se conformer avec la demande de transfert des titres | 50.000 Frw |
| 10 | Défaut du participant au CSD à notifier à la Banque Centrale son refus d'agir sur instruction du titulaire de compte | 100.000 Frw par jour de non conformité |
| 11 | Défaut de maintenir des mesures adéquates de sécurisation des documents et données en rapport avec les activités et transactions du CSD | 50.000 Frw |
| 12 | Une création non autorisée et suppression des titres dans le CSD | 1.000.000 Frw ou la valeur totale du marché des titres créée ou supprimée, la valeur la plus élevée des deux |
| 13 | Causant l'échec du règlement | 1.000.000 Frw ou la valeur totale du marché des titres en rapport avec la transaction, la valeur la plus élevée des deux |
| 14 | Echec de maintenir et appliquer les mesures pour prévenir les conflits d'intérêt en rapport avec les transactions CSD | 125.000 Frw ou la valeur totale du marché des titres en rapport avec la transaction, la valeur la plus élevée des deux |

| **N** | **NATURE DE VIOLATION** | **SANCTION** |
|---|---|---|
| 15 | Publication non autorisée de l'information relative aux états des comptes ou transactions des titres dans le CSD | 125.000 Frw |
| 16 | Echec de se conformer avec toutes les directives ou instructions en rapport avec l'accès au système informatique du CSD | 250.000 Frw |
| 17 | Accès non autorisé au système informatique du CSD | 1.000.000 Frw |
| 18 | Echec de se conformer avec toute directive de la Banque Centrale | 125.000 Frw |
| 19 | Falsification des données ou comptes | 250.000 Frw |
| 20 | Destruction, fraude, mutilation ou altération des données | 250.000 Frw |
| 21 | Blocage ou empêchement d'une enquête en rapport avec les activités ou transactions du CSD | 250.000 Frw |